NDI UMUNYARWANDA

INYOBORAKIGANIRO Y'IBIGANIRO BIGAMIJE KOMORANA IBIKOMERE MU RUBYIRUKO

INTANGIRIRO

Amateka mabi y'amacakubiri na Jenoside yakorewe Abatutsi byasize ibikomere bikaze mu Banyarwanda. Jenoside yasenye u Rwanda mu buryo bw'indengakamere, Umunyarwanda yatakaje indangagaciro zamurangaga zirimo gukunda Igihugu, ubumwe, ubupfura, umurimo n'izindi. Ubwizerane bwaragabanutse, Abanyarwanda batakaje ikizere bagiriranaga hagati yabo ubwabo ndetse n'ubuyobozi.

Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abarenga miliyoni yasize ibibazo byinshi birimo ihungabana rituruka ku bikomere by'umutima ku bariho mu gihe cya Jenoside ndetse rigera no ku bana bavutse nyuma yayo.

Byari ngombwa gushyiraho gahunda zihuza Abanyarwanda, bakongera kubana mu mahoro. Imwe mu nzira zatoranyijwe ni ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda.

Ndi Umunyarwanda yubakiye ku nkingi eshatu arizo: kwiyumvamo ubunyarwanda komorana ibikomere by'amateka no kwimakaza indangagaciro na kirazira z'ubunyarwanda.

Ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda bigamije gutanga urubuga rwo kuganira ku mateka y'u Rwanda no komorana ibikomere bituruka muri yo, hagamijwe kubaka ubwizerane mu Banyarwanda, bishingiye ku kuvuga ukuri no kubaka ikizere cy'ejo hazaza; hatezwa

imbere isano ihuza Abanyarwanda, uburenganzira n'inshingano basangiye mu gihugu cyabo. Kugirango Ndi Umunyarwanda ishinge imizi inyuzwa mu biganiro bihoraho.

I. INTEGO Z'IKIGANIRO CYA NDI UMUNYARWANDA

Intego rusange

Ikiganiro cya Ndi Umunyarwanda kigenewe urubyiruko, kigamije kurufasha kubohoka no komorana ibikomere by'amateka mabi u Rwanda rwanyuzemo kugira ngo bagire uruhare mu bikorwa bishyigikira ubumwe bw'Abanyarwanda n'iterambere rirambye.

Intego zihariye

- Guha umwanya urubyiruko wo kuganira ku mateka y'u Rwanda;
- Gutanga umwanya wo gusangira ubuhamya bw'amateka ya buri wese;
- Komorana ibikomere no kuganira ku buryo bwo kubikira;
- Gukangurira urubyiruko kugira uruhare mu bikorwa byubaka amahoro no kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo mu miryango n'aho batuye.

II. ABAZITABIRA IBIGANIRO N'UBURYO BWO KUBATORANYA

Ibiganiro biteganyirijwe urubyiruko ruri hagati y'imyaka 16 - 35 rwagizweho ingaruka n'amateka mabi y'amacakubiri n'ivangura byagejeje u Rwanda kuri jenoside yakorewe Abatutsi .

Bikoranywe ubushishozi, Ubuyobozi bw'Akarere, Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'abandi bafatanyabikorwa batoranya urubyiruko rwitabira ibiganiro.

Urubyiruko rwitabiriye Itorero ry'Urungano nabo bakangurirwa kwitabira ibi biganiro kugira ngo bafashe bagenzi babo mu rugendo rwo kubohoka no komorana ibikomere.

III. IBYUBAHIRIZWA KUGIRA NGO IKIGANIRO KIGERE KU NTEGO

Ubuyobozi bw'Akarere na Komite y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere bashaka uyobora ikiganiro uzwiho ubushobozi bwo gufasha abantu kubohoka. Abayobora ibiganiro bashobora gushakirwa mu nzego z'abafatanyabikorwa mu isanamitima no kubaka amahoro bakorera mu Karere.

- ✓ Itsinda ry'urubyiruko rwitabira ikiganiro rigomba kubamo abantu batarenze kandi batari munsi cyane ya mirongo itatu (30);
- ✓ Ibiganiro bibera ahantu hisanzuye kandi hatekanye ku buryo abari mu kiganiro babasha kumvikana;
- ✓ Ikiganiro kigomba kubahiriza ubwisanzure, gutega amatwi, kubaha ibitekerezo bya buri wese no gusubiza ibibazo byabajijwe nta kubogama
- ✓ Ikiganiro kigenerwa umwanya uhagije byibura amasaha abiri;
- ✓ Abakurikiye ikiganiro bibutswa ko urubuga rw'ibiganiro rutekanye, amakuru avugirwamo atari inkuru zikwirakwizwa;
- ✓ Ni byiza guteganya abajyanama mu by'ihungabana bashobora guhumuriza abagira ikibazo cy'ihungabana no gutegura aho ugize ikibazo cy'ihungabana ashobora kuruhukira.

IV. UBURYO BWO KUYOBORA IKIGANIRO

4.1. Igice cy'amateka y' u Rwanda

Uyoboye ikiganiro avuga muri make amateka u Rwanda rwanyuzemo n'ingaruka ayo mateka yagize ku rubyiruko, akagaruka cyane ku ngaruka za jenoside ku Banyarwanda muri rusange no ku gihugu.

Zimwe muri izi ngaruka harimo imfubyi n'abapfakazi, ubwishishanye hagati y'Abanyarwanda, ubuhunzi, ipfunwe ku bana bakomoka mu miryango y'abakoze jenoside, abana bavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara mu bakuru kandi bakomeje no kuyicengeza mu bakiri bato, n'ibindi.

4.2. Igice cyo gusobanura ibikomere

Ibikomere byo ku mutima ni urusobe rw'ibitihanganirwa bihungabanya umuntu bishobora kuba ibibabaza umubiri bikaba byaganisha no ku rupfu, amakuru ku rupfu rw'agashinyaguro cyangwa rutunguranye, kugirirwa nabi bikabije, iterabwoba ryo kwicwa, byakorewe umuntu ku giti ke, umuntu wo mu muryango cyangwa inshuti;

Igikorwa gitera ibikomere byo ku mutima gihungabanya amarangamutima n'ibitekerezo by'umuntu. Abantu babana n'ibikomere byo ku mutima kandi bagaragaza bimwe mu bimenyetso birimo gusubira mu byabaye, kugendera kure abandi, kwiheba, kwiburira ikizere, ubwoba, kumva banzwe, kugira ipfunwe rishingiye ku byo abandi bakoze, agahinda gakabije, gushaka kwihorera, kwanga kubaho, kutagira intego mu buzima kwishora mu biyobyabwenge n'ibindi.

Mu ngaruka z'ibikomere byo ku mutima ku muntu no ku gihugu muri rusange harimo gutakaza indangagaciro bikabangamira cyane imibanire y'abantu n'abandi n'imikorere igamije ubuzima bwiza n'iterambere.

4.3. Igice cyo gusembura ibitekerezo mu rubyiruko

Uyoboye ikiganiro asembura ibitekerezo yifashishije ibibazo bituma abitabiriye ikiganiro bumva bashaka kugaragaza amarangamutima yabo, uko biyumvaga mbere y'ikiganiro, icyo basobanukiwe, maze bakavuga mu buryo bwisanzuye ibikomere byabo bituruka ku mateka mabi u Rwanda rwanyuzemo.

Uyoboye ikiganiro afasha abakitabiriye:

- Gutanga ubuhamya bagaragaza ibikomere bahuye nabyo n'ingaruka byabagizeho;
- Kugaragaza imbaraga buri wese afite zimufasha gukira ibikomere (ize cyangwa izituruka ku mahirwe yahawe n'umuryango, inshuti n'Igihugu);
- Gufata ingamba nyuma y'ikiganiro.

V. GUSOZA IKIGANIRO

Ikiganiro gisozwa abakitabiriye bafata ingamba zubaka ubumwe bw'Abanyarwanda bashyira imbere Ndi Umunyarwanda nk'isano isumba ayandi Abanyarwanda dusangiye.